**REPUBULIKA Y'URWANDA**
**MINISITERI Y'UBUREZI**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU**
**IKORANA NA UNESCO**
**B.P. 622 KIGALI.**

Mai

# INYANYANDIKO MVUGO Y'INAMA YO KUWA 2 GICURASI 2000 YEREKEYE ITEGURWA RY'UMWAKA MPUZAMAHANGA W'UMUCO W'AMAHORO. ------------------------------------------------------------------------------------------

Iyo nama yagombaga guhuza komite izakurikirana ibikorwa bijyanye n'umwaka 2000 witiriwe umwaka mpuzamahanga w'umuco w'amahoro hamwe na za Minisiteri, Imiryango, n'amashyirahamwe azakorana na Minisiteri y'Urubyiruko Siporo n'Umuco, Komisiyo y'Igihugu ikorana na UNESCO mu kurangiza neza ibikorwa bya ngombwa byemejwe na UNESCO. Inama yagombaga gutangira saa tatu yatangiye itinze (saa ine zirenga).

I. ABITABYE INAMA .

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. Rutagwendeka | Fideli | : | MIJESPOC |
| 2. Kazasomaho | Evode | : | P.V.K. |
| 3. Nkurikiyeho | Garasiyani | : | Inama Nkuru y'Urubyiruko |
| 4. Shema | Saverina | : | Urugaga rw'Abahanzi . |
| 5. Murorunkwere | Furaha Françoise | : | Cladho |
| 6. Bahizi | Eliphaz | : | Umunyamabanga Uhoraho wa CNRU. |
| 7. Gafiligi | Atanazi | : | CNRU. |
| 8. Kalisa | Kalisiti | : | CNRU. |

II. UKO INAMA YAJYENZE.

Umuyobozi w'inama Rutagwendeka Fedeli yabanje gusaba abari mu nama kwibwirana .Ibyo birangiye , umuyobozi w'inama yasomeye abari mu nama inyandiko mvugo z'inama zabanjirije inama yo kuwa 2 Gicurasi 2000.
Nazo zikaba ari izi:

* Inyandiko-mvugo yo kuwa 21 werurwe 2000

* Inyandiko-mvugo yo kuwa 28 mata 2000

* Inyandiko-nyibutsa ijyanye n'ibikorwa by'umwaka 2000 witiriwe "Umwaka Mpuzamahanga w'Umuco w'Amahoro"

* Manifeste 2000 iri mu Kinyarwanda.

Izo nyandiko zimaze gusomwa na Rutagwendeka Fideli Umuyobozi w'iyo nama, Bahizi Eliphaz Umunyamabanga Uhoraho wa CNRU, yatanze ibisobanuro byerekeye uwo mwaka

2000. Inyandiko-mvugo z'amanama yakozwe mbere yiyo,inyandiko - nyibutsa ijyanye n'ibikorwa by'umwaka 2000witiriwe "Umwaka Mpuzamahanga w'Umuco w'Amahoro"hamwe na manifeste 2000 byahawe abari baje mu nama .

## III. IBIKORWA BY'INGENZI BYATEGANIJWE MUR'UWO MWAKA.

Ibikorwa byateganijwe nibi bikurikira :

- Gutegura FESPAD
- Gukusanya imikono y'abantu bashyigikiye Umuco w'Amahoro.
- Kwizihiza iminsi mpuzamahanga.

Kubyerekeye kwizihiza iminsi mikuru mpuzamahanga, kubyerekeye abari bagenwe kuyitegura, abaraho babigiyeho inama hiyongeraho abandi kubari bagenwe kuyitegura . Dore uko biteye kubyerekeye abazategura iyo minsi mpuzamahanga:

- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kwigisha Gusoma (8/9/2000) : Mineduc, Minaloc et Pro femmes Twese Hamwe.
- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ubworoherane(16/11/2000) : Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge. MIJESPOC, le Ministère du Genre et de la Promotion de la femme, Ibuka .
- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abarimu (5/10/2000): Mineduc na "Syndicats des Enseignants " .
- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abibumbye (24/10/2000): " Parlement , UNESCO, PNUD"
- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (10/12/2000): Parlement, MINIJUST, la Commission des Droits de l'Homme , MIJESPOC, CLADHO, CCOAIB.
- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro 14/9/2000): Mijespoc , Ministère du Genre et de la Promotion de la Femme, Pro Femmes, Conseil National de la jeunesse et UNESCO.

Umunyamabanga uhoraho wa Komisiyo y'Igihugu ikorana na UNESCO yamenyesheje abari aho ko hari umunsi w'Inteko y'Urubyiruko "Parlement des jeunes"uriho utegurwa.
Inama yarangiye hifujwe yuko abarebwa n'itegurwa ry'umwaka witirirwa uw'umuco w'Amahoro bakohererezwa hakiri kare ubutumire bw'inama ya 16/5/2000.

**Umwanditsi KALISA Callixte.**